IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YATERANYE KUWA 23/09/2018

Hashingiwe ku biteganywa mu itegeko No 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage,

Hashingiwe kandi ku biteganywa mu iteka rya Minisitiri N0 004/07.01 ryo kuwa 18/09/2006 rishyiraho amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama, buri gihembwe Inama Njyanama y'Akarere igomba guterana,

Kuwa 23/09/2018 mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gakenke hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama. Iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 32 /35 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Kwemeza Inyandikomvugo z'Inama Njyanama zateranye kuwa 08/05/2018 no kuwa 22/06/2018,
2. Kwemeza Inyandiko ivuguruye ikubiyemo serivise zitangwa n'Inzego z'Ibanze (Akagari, Umurenge n'Akarere),
3. Kugezwaho imyanzuro yafashwe mu nama z'Abaperezida,
4. Ikibazo cy'igishanga cyatijwe Bwana RUTAYISIRE Felix,
5. Ibaruwa yanditswe n'Umuyobozi w'Akarere asabira ikiruhuko cy'umwaka 2018/2019 abagize Komite Nyobozi y'Akarere,
6. Ibintu n'ibindi.

Uko Inama yagenze :

INGINGO ZIZWE	INCAMAKE Y'IBYAVUZWE	IMYANZURO YAFASHWE
<u>ingingo ya 1</u> Kwemeza Inyandikomvugo z'Inama Njyanama zateranye kuwa 08/05/2018 no kuwa 22/06/2018,	➢ Inyandikomvugo z'Inama Njyanama zateranye kuwa 08/05/2018 no kuwa 22/06/2018 zagejejwe ku bagize Inama Njyanama y'Akarere, bamaze kuzikorera ubugorarangingo barazemeza.	1. Inyandikomvugo z'Inama Njyanama zateranye kuwa 20/05/2018 no kuwa 22/06/2018 zaremejwe.
<u>Ingingo ya 2 :</u> Kwemeza Inyandiko ivuguruye ikubiyemo serivise zitangwa n'Inzego z'Ibanze (Akagari, Umurenge n'Akarere),	➢ Abari mu nama bagejejweho Imbonerahamwe ivuguruye ya serivise zitangwa n'Inzego z'Ibanze (Akagari, Umurenge n'Akarere) barayisesengura, aho basanze hari serivise zibagiranye bazongeramo hakurikijwe inshingano za buri rwego. **Kopi z'Inyandiko zikubiyemo serivise zitangwa n'Inzego z'Ibanze zemejwe n'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke ziri ku mugereka.**	2. Nyuma yo kongeramo serivise zari zibagiranye zitangwa n'Inzego z'Ibanze, Abagize Inama Njyanama bemeje imbonerahamwe ivuguruye ya Serivise zitangwa n'Inzego z'ibanze 3. Abagize Inama Njyanama biyemje gukora ubukangurambaga bugamije kumenyesha abaturage n'abagana inzego z'ubuyobozi ko guhabwa serivise nziza ari uburenzira bwabo iyo bujuje ibisabwa. 4. Abari mu nama bemeje kandi ko kopi z' inyandiko za serivise zitangwa n'Inzego z'Ibanze zagezwa kuri buri rwego bireba (Akagari, Umurenge, n'Akarere) bitarenze ukwezi k'Ukwakira 2018 kugira ngo abakenera serivise bajye babona amakuru y'ibyo basabwa mu buryo bwihuse.
<u>Ingingo ya 3:</u> Kugezwaho imyanzuro yafashwe mu nama z'Abaperezida,	➢ Abari mu nama bagejejweho imyanzuro yafashwe mu nama z'Abaperezida zateranye mu kwezi kwa Gicurasi, Kamena, Nyakanga	5. Abari mu nama bamaze kugezwaho imyanzuro yafashwe n'Inama z'Abaperezida zabaye mu mezi ya Gicurasi, Kamena , Nyakanga na Kanama 2018 barayemeje basaba ko yose yazashyirwa mu bikorwa. 6. Abajyanama bifuje ko bagomba kujya bahagararirwa mu bikorwa

<table>
<tr>
<td></td>
<td>na Kanama 2018. Imyanzuro yazifashwemo bayigira iyabo.

Kopi z'imyanzuro yafashwe n'inama z'abaperezida mu mezi yavuzwe haruguru ziri ku mugereka.</td>
<td>bitegura igenamigambi ry'Akarere ndetse n'imihigo bya buri mwaka.

7. Abagize Inama Njyanama bemeje ko Madamu Eugenie AKINGENEYE, ubarirwa mu cyiciro cy'Abantu bafite ubumuga, yasonerwa imisoro yose y'umwaka ushize 2017/2018 hiyongereyeho amezi atandatu y'umwaka wa 2018/2019. Akazatangira gusora guhera mu kwezi kwa Mutarama k'umwaka wa 2019.

8. Hemejwe kandi ko abagize akanama gatanga amasoko muri Farumasi y'Akarere bahabwa amahugurwa ku itegeko rigenga amasoko ya Leta bitarenze ukwezi kwa nzeri 2018.</td>
</tr>
<tr>
<td><u>Ingingo ya 4:</u>
Ikibazo cy'igishanga cyatijwe Bwana RUTAYISIRE Felix</td>
<td>➢ Abari mu nama bamenyeshejwe ko Bwana RUTAYISIRE Felix yaba yaratijwe n'Akarere ka Gakenke igishanga cya Rukura kiri hagati y'Imirenge ya Gakenke na Gashenyi, nyuma akaza kukiyandikishaho bityo hakaba hagomba gukurikiranwa uburyo yaba yarabonye ibyangombwa bimufasha kwiyandikishaho ubutaka bwa Leta.</td>
<td>9. Hashizweho komisiyo idasanzwe igomba gucukumbura ikibazo cy'igishanga cyatijwe Bwana RUTAYISIRE Felix, raporo igashyikirizwa Inama Njyanama y'Akarere mu gihe kitarenze ukwezi kumwe. Iyo komisiyo igizwe n'aba bakurikira ;
1. NIYONSENGA Aimé Francois, VM ED, akaba ari nawe muyobozi wa Komisiyo
2. TWAHIRWA Regine Fabienne : Umujyanama
3. NIRERE Goretti : Umujyanama
4. BIREGE Malachie : Umujyanama
5. MUSONI Innocent : Legal Advisor and Notary
6. GAHIRE Gustave : Director of OSC
7. MUKASENGESHO Olive : D.C.A.S
8. Abahagariye inzego z'Umutekano ku karere (Ingabo, RF, Police, RIB, NISS).
9. Abajyanama bo mu Mirenge ya GASHENYI na GAKENKE.</td>
</tr>
<tr>
<td><u>Ingingo ya 5:</u>
Ibaruwa yanditswe n'Umuyobozi w'Akarere asabira</td>
<td>➢ Umuyobozi w'inama yamenyesheje abitabiriye inama y'Inama Njyanama ko Umuyobozi w'Akarere</td>
<td>10. Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bemerewe gufata ikiruhuko cy'umwaka 2018/2019 ku buryo bukurira :
<table>
<tr><th>N0</th><th>Amazina</th><th>Icyo akora</th><th>Igihe cya konji</th></tr>
<tr><td>1.</td><td>UWIMANA Catherine</td><td>VM ASOC</td><td>01-30/10/2018</td></tr>
</table>
</td>
</tr>
</table>

ikiruhuko cy'umwaka 2018/2019 abagize Komite Nyobozi y'Akarere	yanditse asabira ikiruhuko cy'umwaka 2018/2019 abagize komite Nyobozi y'Akarere	2. NZAMWITA Deogratias — Mayor — 01-30/11/2018 3 NIYONSENGA Aimé François — VM ED — 01-30/12/2018
Ingingo ya 6: Ibintu n'ibindi	➢ Umuyobozi w'Inama yamenyesheje abagize Inama Njyanama y'Akarere ko hateganijwe umwiherero w'Inama Njyanama mu kwezi k'Ukwakira 2018 ariko ko ukinozwa muri Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.	11. Hemejwe ko umwiherero wakomeza kunoza hategurwa ibizanirwaho mu mwihero ndetse n'abazatangamo ibiganiro.
	➢ Abagize Inama Njyanama bishimiye kandi ibyavuye mu matora y'Abadepite yabaye muri Nzeri 2018, Akarere ka Gakenke Kabonyemo abadepite batatu harimo umwe wari umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere.	12. Abajyanama bishimiye ibyavuye mu matora y'abadepite yabaye muri Nzeri 2018.

Inama yari yatangiye imirimo yayo saa yine n'iminota makumyabiri (10:20) iyisoza saa kumi n'igice z'Umugoroba (16:30)

Umwanditsi w'inama :

UWIHOREYE Clementine

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere

Umuyobozi w'Inama :

HITIMANA Télesphore

Peerezida w'Inama Njyanama y'Akarere